JESUS
316

# Yesu ni nde?

**Yesu ni nde?** Bibiliya iduha igisubizo kimwe rukumbi kuri icyo kibazo. Intumwa Pawulo yaranditse ngo, *"Ibyanditswe byera byose* [byahumetswe] *n'Imana,"* 2 Timoteyo 3:16. Bibiliya yahumetswe n'Imana, guhera mu Itangiriro kugera mu Byahishuwe, higisha ko Yesu ari Imana yo yahozeho kuva kera kandi izahoraho iteka ryose. Bibiliya ivuga ko Yesu ari *"Alufa na Omega, itangiriro n'iherezo," ni ko Umwami Imana ivuga, iriho kandi yahozeho kandi izahoraho,"* Ibyahishuwe 1:8. Bibiliya yerekana Yesu nk'Imana, Umuremyi, Umwungeri Mukuru, Umwami, Umucunguzi, Umwana w'Intama w'Imana, Umutware utwara abatware, Umwami abami, Emanweli (Imana iri kumwe natwe), Umukiza, Umutambyi Mukuru, Kuzuka n'Ubugingo.

**Yesu yari Umuremyi.** *"Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana kandi Jambo yari Imana. Ibintu byose ni we wabiremye. Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se,"* byanditswe muri Yohana 1:1-14. *"Kuko muri we ari mo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami n'ubwami bwose, n'ubutware bwose n'ubushobozi bwose. Ni we wabiremye byose kandi rero ni na we byaremewe. Yabanjirije byose kandi byose bibeshwaho na we,"* byanditswe mu Abakolosayi 1:16-17.

**Yesu ni we "NDIHO".** Yesu, Marayika w'Uwiteka, yahamagaye Mose ari mu Gihuru Cyaka Ntigikongoke mu Kuva 3 (~1,450 mbere ya Kristo) maze yivuga nka *"NDIHO"* mukuru. Muri Yohana 8, Yesu yivuze Ubwe ko ari we "NDIHO" mukuru wabayeho mbere ya Aburahamu (~2,100 mbere ya Kristo) na mbere y'ubwoko bw'Abayuda. Ibyo Abayuda babifashe nko kwiyita Imana maze bafata amabuye ngo bayamwicishe. Nyuma, Yesu yaravuze ngo *"Jyewe na Data turi umwe,"* Yohana 10:30-31. Abayuda barongera bafata amabuye.

**Yesu ari mu Isezerano rya Kera.** Nta muntu n'umwe wigeze kubona Imana Data, Yohana 1:18, 6:46. Ariko Yesu nk'Imana mbere yo kwambara umubiri yiyeretse abantu batandukanye mu bihe by'Isezerano rya Kera mbere y'uko avukira i Betelehemu. Yiyeretse nka Marayika w'Uwiteka kuri Hagari mu Itangiriro 16 & 21, kuri Mose mu Kuva 3, kuri Gidiyoni mu Abacamanza 6, no ku babyeyi ba Samusoni mu Abacamanza 13. Yesu kandi yiyeretse Aburahamu mu Itangiriro 18 & 22 yiyereka na Yakobo mu Itangiriro 31 & 32. Ndetse Yesu avugwa nk'umwe mu bagize Ubutatu muri Yesaya 48:12-19 (byanditswe mu mwaka wa 700 mbere ya Kristo).

**Yesu ni We wari warahanuwe.** Ubuhanuzi burenga 300 bwo mu Isezerano rya Kera, bwahanuwe kera cyane, buvuga ku ivuka, ubuzima n'urupfu bya Yesu. Bumwe muri ubwo buhanuzi, twavuga nka Zaburi 22 ivuga ku rupfu Rwe (yanditswe mu 1,000 mbere ya Kristo igihe guterwa amabuye byasobanuraga kwicwa). Gusohora k'ubwo buhanuzi bwo muri Zaburi 22 kwanditswe muri Matayo 27.

**Yesu yabaye Imana-Muntu.** Umuhanuzi Yesaya yahanuye ngo *"Nuko umwana yatuvukiye duhawe umwana w'umuhungu,"* Yesaya 9:5. Yesaya yavuze ko azaba Imana ishobora byose. Uwo Mwana uhoraho twamuhawe nk'umwana muto wavukiye i Betelehemu. Yesu yabayeho na mbere y'uko avuka – uhereye kera cyane. Inyito "Umwana w'Imana" isobanura umwanya afite ntivuga kuvuka. Ntibisobanura ko yabayeho igihe yavukiraga i Betelehemu. Intumwa Pawulo yaranditse ngo, *"Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu. Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba,"* Abafilipi 2:5-8. Yesu yabaye umuntu wuzuye nubwo yari Imana. Yesu wahozeho kuva kera yavuye mu ijuru aza kuba umuntu, Yohana 3:13, 31, Yohana 6:33-38. Yesu yari Imana akaba n'umuntu.

**Yesu yakoze ibitangaza.** Ibitangaza Bye byinshi biboneka mu Isezerano Rishya. Bitatu muri byo bitangaza byashimangiye ibyo yivugagaho. Yagaburiye abantu 5,000 mu buryo bw'igitangaza maze aravuga ngo, *"Ni jye mutsima w'ubugingo,"* Yohana 6:35. Yakijije impumyi amaze kuvuga ngo, *"Nkiri mu isi ndi umucyo w'isi,"* Yohana 9:1-8. Ndetse yaravuze ngo, *"Ni jye kuzuka n'ubugingo, unyizera naho yaba yarapfuye azabaho,"* Yohana 11:25. Hanyuma Yesu ajya ku mva y'inshuti Ye Lazaro wari umaze iminsi ine apfuye aramuzura. Yesu yakijije abarwayi, abafite ubumuga bwo kutagenda, bwo kutumva, bwo kutavuga, ababembe, n'abatewe n'abadayimoni. Yahinduye amazi kuba divayi, yagendeye hejuru y'amazi, kandi aturisha inyanja. Muri Matayo 9:2-7 havuga inkuru y'abantu bazaniye Yesu umuntu wari uremaye.

Yabwiye uwo muntu ngo *“Mwana wanjye, humura ibyaha byawe urabibabariwe.”* Abakuru b’idini babifashe nko kwigira Imana kuko Imana ari yo yonyine ibabarira ibyaha. Yesu yarababajije ngo, *“Icyoroshye ni ikihe? Ni ukuvuga nti ‘Ibyaha byawe urabibabariwe’, cyangwa nti ‘Byuka ugende’? Ariko mumenye yuko Umwana w'umuntu afite ubutware mu isi, bwo kubabarira abantu ibyaha.” Nuko abwira icyo kirema ati “Byuka wikorere ingobyi yawe utahe.”*

**Yesu yahamije ko yari Imana.** Yesu yasohoje ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera bwavugaga ivuka, ubuzima n’urupfu Bye. Yakoze ibitangaza byinshi kugira ngo yerekana ko yari Imana. Yigishije afite ubutware. *“Yesu amaze kuvuga ayo magambo yose ba bantu batangazwa no kwigisha kwe, kuko yabigishaga nk'ufite ubutware, ntase n'abanditsi babo,”* Matayo 7:28-29. Kandi yabayeho ubuzima butagira icyaha, Abaheburayo 4:15, 1 Petero 2:22, 1 Yohana 3:5. Yesu, nk’Imana-Muntu utarakoze icyaha, yabaye Umwana w’Intama w’Imana utagira inenge watambwe ku musaraba kubera ibyaha byacu. *“Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti, kugira ngo dupfe ku byaha duhereko tubeho ku gukiranuka,”* 1 Petero 2:24.

**Yesu yarabambwe kandi azuka mu bapfuye.** *“Kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe na ba sekuruza banyu, atari ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu, ahubwo mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi, nk'ay'umwana w'intama utagira inenge cyangwa ibara, ari yo ya Kristo,”* 1 Petero 1:18-19. *“Uwo bamwicishije kumubamba ku giti, ariko Imana imuzura ku munsi wa gatatu, imwerekana ku mugaragaro - Abahanuzi bose baramuhamije, bavuga yuko umwizera wese azababarirwa ibyaha ku bw'izina rye,”* Ibyakozwe n’intumwa 10:39-40, 43. *“Muzi ko nabanje kubaha ibyo nanjye nahawe kumenya, yuko Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko byari byaranditswe, agahambwa akazuka ku munsi wa gatatu nk'uko byari byaranditswe na none,”* 1 Abakorinto 15:3-4. Yesu yazutse mu bapfuye kandi abahamya benshi baramubonye mbere y’uko azamuka agasubira mu ijuru.

**Yesu ni we nzira yonyine ijya ku Mana.** Yesu yaravuze ngo, *“Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo: nta wujya kwa Data ntamujyanye,”* Yohana 14:6. Intumwa Petero yaravuze ngo, *“Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo,” Ibyakozwe n’intumwa 4:12. Intumwa Pawulo yaranditse ngo, “Kuko hariho Imana imwe, kandi hariho Umuhuza umwe w'Imana n'abantu, na we ni umuntu, ari we Yesu Kristo witangiye kuba incungu ya bose,”* 1 Timoteyo 2:5-6. Inzira ya Yesu ijya ku Mana itandukanye n’ayandi madini yose. Kuko nta gisubizo atanga ku kibazo cy’ibyaha byacu. Ayo madini yigisha muri rusange ko nukora icyiza ushingiye ku buryo butandukanye basobanura icyiza n’ikibi, imana zabo zizirengagiza ibyaha byawe maze zikwemerere kujya mu ijuru. Inzira ya Yesu ivuga ko iyo umwizeye umwenda w’ibyaha byawe wishyurwa ku musaraba kandi ukababarirwa. Hamwe na Yesu ubasha kujya mu ijuru ubabariwe. *“Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho,”* Yohana 3:16.

**Yesu azagaruka**. Yesu yaravuze ngo, *“Ntimuhagarike imitima yanyu, mwizere Imana nanjye munyizere. Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba adahari mba mbabwiye, kuko ngiye kubategurira ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi namwe muzabeyo,”* Yohani 14:1-3. Kandi mu magambo ya nyuma ya Bibiliya, Yesu yaravuze ngo, “Yee, ndaza vuba [mu buryo butunguranye].” Intumwa Yohana yongeyeho ngo, “Amen, ngwino Mwami Yesu,” Ibyahishuwe 22:20-21. Yesu aje uyu munsi, waba witeguye kumusanganira? Sura urubuga www.Gospel316.org kugira ngo umenye neza ko witeguye ubiheshejwe no kwizera Yesu no kubabarirwa n’Imana.

**Yesu ni Imana yahozeho kuva kera kandi izahoraho iteka ryose**.

**Utangazwe bihebuje no kumva izina Rye!**

---

Igitabo *Yesu ni Nde?* © 2025 cya na John D. Morris III cyasohowe na Acts One Eight. Ushobora kugicapa ku buntu, kugikopiya, kugitangaza ku mbuga za interineti, kuri email, cyangwa kwandika ubutumwa bwose bukubiye muri iyi nyandiko ntacyo uhinduyeho. Ushobora kongeraho izina cyangwa ikirango by’umuryango w’ivugabutumwa cyangwa itorero ukorera kuri paji ya mbere kandi ukandika nomero yawe ya telefone ahagana hasi kuri paji ya kabiri. Urubuga Jesus316 rushingiye kuri Bibiliya gusa. Rubereyeho gufasha abantu kwizera Yesu Kristo no gukura bakaba abigishwa Be. Ushobora kwandikira email Acts One Eight (mu Cyongereza niba bishoboka) kuri: Hello@Mail316.org. Ubusemuzi butari mu rurimi rw’Icyongereza bwatanzwe na www.ChristianLingua.com. Igitabo *Yesu ni Nde?* Kiboneka mu ndimi 48 ku buntu kuri www.Jesus316.org. Ibyanditswe biri muri iki gitabo byasemuwe hifashishijwe Bibiliya Yera yo mu 1993.